

f.c.

1

**IDENTIFICATION** : **RTLM 0019rr du 01/06/94** **K0165746**

**DURÉE** : **60 minutes**

**QUALITÉ** : **Bonne**

**TRANSMISSION** : **Radio Rwanda**

**NOM DU FICHIER** : **RTLM 0019**

**DATE DE TRANSCRIPTION** : **Le 22.02.2000**

**NOM DU TRANSCRIPTEUR** : **MUSHONGANONO Béatrice**

**DICTAPHONE** : **BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565**

**RESUME DE LA CASSETTE N° 0019**

K0165747

**FACE A:**

- \* Réflexion de Gaspard GAHIGI, journaliste de la RTLTM sur les frontières du temps colonial des pays et sur l'intention du président Museveni de créer dans la région un empire Hima-Tutsi ou Tutsiland.
- \* NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLTM rappelle au président Museveni que la population "Bantou" qu'il veut écarter de son empire et massacrer le combattra et appelle les Bantous des pays voisins à solidariser avec les Rwandais dans leur combat contre Museveni et les Inkotanyi.
- \* Kantano HABIMANA, journaliste de la RTLTM demande à la Communauté internationale de fournir des armes aux Rwandais afin qu'ils puissent faire face aux attaques du FPR.
- \* Interview de BUKENE et de NYAMWASA Jean-Marie Vianney qui étaient sur des barrières et qui étaient déterminés à combattre les Inkotanyi.
- \* Réflexion de Gaspard GAHIGI sur les tributs de l'Uganda et leurs liens avec les ethnies du Rwanda. Il demande à la population bantoue des pays voisins de prendre des stratégies avec les Hutus du Rwanda pour combattre l'ennemi.

**FACE B:**

- \* Georges RUGGIU, journaliste de la RTLTM parle des massacres de la population de Kibungo et rappelle qu'ils sont perpétrés par des Rwandais réfugiés en Uganda qui veulent reconquérir le pouvoir.
- \* Kantano HABIMANA, journaliste de la RTLTM parle d'une attaque dirigée contre les Inyenzi-Inkotanyi à Gisozi au cours de laquelle l'armée rwandaise a saisi beaucoup d'armes et affirme que la victoire des Rwandais est évidente.
- \* Gaspard GAHIGI reconnaît que la population rwandaise est composée de 3 ethnies et affirme que si les Inyenzi-Inkotanyi refusent la voie des négociations le reste de la population les combattra.

**FACE A**

ORATEUR: GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM:

... bimeze, mu mategeko agenga Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika bari bemeje ko..., Abazungu bakata nyine bagendaga bo bagenda bakata bavuga bati "turi mu Rwanda, turi mu Bugande, mu Rwanda hari Ababiligi, hari Abadage se, mu... muri Zaïre hari Ababiligi, mu Bugande hari Abongereza, noneho bakagenda bakata imipaka... bakata imipaka bakurikije... badakurikije amoko atuye a... ako karere ahubwo bakurikije gusa... bakurikije gusa ee... inyungu zabo. Ubwo nyine icyo... ibyo bintu byo kugabana Afurika muzi inama yabereye i Berline nyine intambara y'isi irangira bakavuga bati "reka dukate abatsinzwe tubambure aha, abatsinze twigabanye, Afurika bayikata badakurikije abayituye".

Noneho MUSEVENI rero..., ubwo icyo navugaga Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika ucyaho, bararebye bati..., bakabona abantu bavuga ikinyarwanda wenda bamwe bari mu Rwanda abandi muri... mu Buganda abandi bari muri Zaïre, bati "rero dukurikije Leta, dukase imipaka dukurikije indimi cyangwa imiryango, icyo bita "tribus" cyangwa za "ethnies" bati "ibyo bintu nta wabivamo, bati "reka rero turekereho imipaka yashyizweho ee... mu gihe cya colonisation, ni cyo bise "intangibilité des frontières issues de la colonisation". Bati "kugira ngo Afurika ita... hatabamo akaduruvayo, reka imipaka uko yakaswe mu gihe cy'ubukolonize tuberekere uko nguko".

Ariko mu minsi ishize ubwo MUSEVENI ari ku isonga, bakavuga bati iyo mipaka uwareba uko yashyirwamo noneho abantu bavuga ururimi rumwe bagakora igihugu kimwe cyane cyane ko hari n'abantu bari bamaze kwandika ibitabo bati "hari uduhugu duto nk'u Rwanda n'u Burundi", bati "utwo duhugu ukurikije uko turemye tukaba tutabaho", bati "rero ibyiza ni uwareba ukuntu yashyiraho ibihugu binini noneho ibyo bihugu bikarushaho kugira ubukungu buhamye.

MUSEVENI rero agendera kuri icyo, ati "u Bugande", ati "u Rwanda", ati "amajyaruguru ya Zaïre", ati "u Burundi" ati "uwabugira.. igihugu kimwe" ati "noneho ubukungu bwa... bwabyo bukabona uko bucuwaga".

Ngicyo rero icyo MUSEVENI ashingiraho, ahatse mu mutwe, ahatse mu mutwe, kugira ngo nyine ashyire mu karere kacu ingoma ya Hima-Tutsi, noneho akabyitwaza akagenda atera akaduruvayo abantu bagafata ubutegetsi ariko ari abo nyine ashyigikiye noneho bagakora icyo kintu kinini bita “*Hima-land*” MUSEVENI akiri ku isonga ariko akaba ari amayeri ya MUSEVENI, we rero akumva ari cyo. Iyo avuga rero ko u Rwanda nyine, ikibazo cyo mu Rwanda cyabonerwa *une solution locale* ni icyo MUSEVENI aba avuga cy’uko azabyivangamo noneho bagakora ingoma Hima-Tutsi yava mu BUGANDE ikamanuka mu Rwanda ikagera mu Burundi ifashe n’igice cya Kivu.

Ibyo bintu rero MUSEVENI yavuze ni ibintu tugomba gufata uko biri tukumva ko MUSEVENI atari we uzabona igisubizo cy’aka karere ahubwo ko arimo... ari we urimo gutera akaduruvayo. Tukumva ko MUSEVENI atari we watwigisha ibi bintu byo kuvugurura politique n’ubukungu kandi iwe byaramunaniye, tukumva MUSEVENI ko atari we watwigisha ibyerekeye imibereho myiza y’abaturage iwe atarabigeraho, tukumva MUSEVENI ko hari icyo apfana n’Inkotanyi kuko dufite ibimenyetso bigaragara byerekana ko yazirwaniriye kandi zamurwaniriye kandi ko Abagande dufite ibimenyetso ko barwanirira Inkotanyi. Ananiya ni icyo nagira ngo mvuge, kereka niba hari ikindi naba nibagiwe.

ORATEUR: NKURUNZIZA Ananie:

Ndumva Bwana GAHIGI wabivuze byose, ako nakongeraho kugira ngo dusubize Kantano *antenne* ni ukwibutsa abantu bashinze ibirindiro bari ku mabariyeri ko iyo Inkotanyi ziteye zibanza kumoka, ariko iyo uteze ugutwi neza wumva zitamoka nk’imbwa neza ahubwo hari ubwo zimoka n’imbwa zikamoka rukaba akantu kajya kumera nk’akaduruvayo.

Ikindi ejo wari wabwiye bantu ko mu gutera iyo habaye nka nijoro cyangwa gucya zikunze kwambara ibitenge by’abadamu n’ingutiya. Ikindi umuntu yakwibutsa abantu bari ku marondo ni ugukomeza kuba maso aho bari ku marondo aho ngaho ntibagaragare ari igihiriri ahubwo abaruta ubwinshi bakihisha hakavamo nka babiri baza gukomeza bakaba maso hagira ikiba bagatera akamo bagakangura abandi.

Kuri ibi bya MUSEVENI rero, tumaze imyaka ine duhanganye ndumva niba tugeze uyu muni ngira ngo iminsi yacu kuva bubura imirwano turacyayibara ubu tugeze ku wa mironko itanu na gatandatu. MUSEVENI rero utaradufashe muri iyi myaka ine ishize ntabwo ateze kuzadufata ariko ubwo yamaze kwiyemerera ko yohereje abantu kurwana, ngira ngo na Guverinoma yacu n'abayigize na bo noneho ntibatinya kwiyambaza abandi bantu, ntibatinya kwiyambaza incuti niba ari a... ako koko... ako koko k'Abahima-Tutsi barwana, hari n'ubundi bwoko bugomba guhangana na bo, ako bita ba "*bantu tribe*" sinzi abavuga icyongereza, *bantu tribe* ni abasigaye, abo ngabo MUSEVENI ashaka gukura muri *empire* ye, ashaka gukura muri ubwo bwami bwe akabatsembera ku icumu.

ORATEUR: GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTL:

Yee, murakoze Ananiya hari ikindi nagira ngo nibutse koko ee... Kantano yakomojeho mu mwanya. Yavuze ati "ubundi bavugaga Inkotanyi abantu bakiruka", ati "none baravugaga Inkotanyi abantu bagahurura". Ni ikintu cyiza cyane, ni ikintu bita "*tournant*", ni ikintu twakwita ee... intango nshyashya mu mirwano turwana n'Inkotanyi. Koko Inkotanyi zaje zitera abantu ubwoba zikabaga abantu, zigaca ababyeyi amabere, zikaboha umuntu zikamugira nk'agashakoshi, icyo bise "*briefcase*", noneho zikamukubita akanyundo wabibona koko ugasanga Inkotanyi zica abantu nabi, wabyumva ukavuga uti "ntizizanyice urwo numvise zishe runaka ukazihunga".

Nigeze kuvuga ibintu by'Inkotanyi zatetse umuntu mu isafuriya noneho ee... kugira ngo abahagera nibabona umuntu umutwe we uri mu isafuriya bagire ubwoba bati "Inkotanyi zirya abantu noneho utinye ko na we zaguteka noneho ukagira ubwoba". Inkotanyi zikaza zagera ahantu zikarasa ari ebyiri ari eshatu abantu bakiruka, ibyo bikaba byaratumye Inkotanyi mu gihe cyashize ari bwo wumva ngo zageze aha, zageze aha.

Ikintu rero navuga koko abaturage bakwiye kumva kandi bakagifata mu mutwe ni uko noneho abantu batinyutse koko Inkotanyi, ibyo by'iterabwoba batakirimo. Uravuga uti "ziri aha", abasirikare, abasore, abasaza bati zijye tujye, induru zikavugaga Inkotanyi bakazirukaho. Nkaba mbona ari ikintu gikomeye, gikomeye ee... twaheraho kugira ngo tumare abantu ubwoba, abahunga be... bareke kongera guhunga, kuko nyine abantu basigaye bashyira hamwe mu

guhashya Inkotanyi. Ikindi uvuze nakumva koko twavuga, niba Inkotanyi zaragiye zikajya i Bugande, zikajya mu Burundi, zikajya mu majyaruguru ya Zaire zikaza mu Rwanda zigashaka abantu bo kuzirwanirira zitwaje ubwoko zigashaka MUSEVENI, noneho ngo zirashaka gukora *Hima-land*, ndumva koko abantu koko ba... barwanywa n'abo bakwiye na bo kumva ko iyi ntambara yo mu Rwanda ibareba bakaba bahurura Abanyarwanda, Abanyarwanda ntidukomeze kurwana twenyine abantubakaduhurura.

Simvuga ngo imbaraga zacu zabaye nke, ziracyakomeye, turacyakomeye turakirwanaho turi benshi, ariko nkumva koko ko abantu bita "*les bantous*" bakwiye na bo kumva ko intambara yo mu Rwanda ibareba, ko kumara Abahutu bibareba, intambara yo mu Rwanda ikaba intambara y' Afurika yose, abantu bakumva ko ibareba ntibibaze ngo ni Abahutu bashira noneho ngo bifu... bafunge birekerere iyo ngiyo kuko ngo "*ruriye abandi rutabibagiwe*", ubwo bamaze gufata u Rwanda bakomeza bakajya muro Zaire bakajya n'ahandi. Ubwo rero nkumva koko ko icyo kintu ari ikintu bantu bakwiye kumenya ko niba Abahima barahugurutse barashaka kurwanya Abahutu, Abahutu na bo bahagurutse nata cyaha baba bakoze cyane cyane ko atari bo batewe ahubwo byaba ari ukwirwanaho.

ORATEUR: HABIMANA Kantano, journaliste de Radio Rwanda:

Mwakoze GAHIGI na Ananiya. Abumva RTL M ndakeka yuko abwirwa benshi akumva bene yo, ndakeka yuko rero Inkotanyi zikwiye kumva ukuri hanyuma zikicara naho MUSEVENI uziroha yamara kuziroha tukirirwa tuzire... tuzikubita imihini, tuzirasaho amabombe naho we yibereye muri za Norvège mu mahoteli ajya kurya arimo atembera anezerewe n'umugore we cyangwa n'iki, nabonye umenya ntabwo ajyana umugore mu... mu ngendo ahubwo ajyana murumuna w'umugore we. Ubwo rero aho yirirwa aho ngaho yinezera Inkotanyi ntakamenye ko twazimaze, aravuga songa mbere, aravuga iki. Ibyo ari byo byose hen... ndakeka yuko bariya bana b' Abatutsi nta muntu bishingikirije kuko azabamarisha neza neza bagashira.

Ubwo rero abumva RTL M mukomeze mugire ubutwari, Inkotanyi nimwumva aho bayivuze muhurire n'imihini ubundi murebe ukuntu ikinagira. Barirukanka ariko rero Abatutsi, yah! Yewe, yewe, yewe, yewe, yewe! Mukomeze mwumve RTL M ivugira hano i Kigali. (Musique).

...sarurira imyaka twari twihingiye, imyaka myiza yeze, ibitoki, ee... iki byose. Ntabwo zisho... ntabwo... ntabwo rwose bishoboka abanyamaha.... amahanga nadufashe, Guverinoma nidusabire imbunda aho ziduko... dukodeshe, dukodeshe rwose idushakire amacumu ahagije, idushakire imihoro ubundi rwose turwane n'Inyenzi-Inkotanyi tuzirukane mu masaka yacu, tuzirukane mu myumbati yacu zayimaze, izo ngegera zisubire iyo zaturutse niba MUSEVENI adashobora kugaburira abantu be ibyo nta wubynshingiye twe tubana n'abantu bashaka nta bwo tubana n'ibisambo n'ingegera zirirwa ziturira imyaka.

Ubwo rero rwose abantu bose muri Ingara, abasore inkumi koko muze mufite umugambi wo kugira ngo twirukane Inkotanyi mu myaka yacu, hanyuma noneho tubohoze igihugu cyacu izo ngegera ze kugira icyo zidutwara.

Ku bantu rero hano muri uyu muji wa Kigali mukunze kugenda mwirema udutsiko mubona umuntu mugashukura mukaza mukamu... mukamwirundaho, Inkotanyi ziba zireba zicunga zifite jumelles, iyo ziroj... "zizimeleye" zikabona muri abantu benshi kubera ko i... icyo mubona koko kigaragara ni ubugome bwo kugira ngo zice abantu benshi, ubwo rero iyo zibonye muri benshi nyine zihita ziboherereza igisasu.

Abantu baganira bajye baganira ari bake kandi be gutindana, be gutindana kuko mu gihe mutindana umwanzi we aba abareba. Mujye muvugana koko utuntu twa ngombwa ariko ako kanya mwigireyo, mwigireyo. Hein? Cyangwa se abantu bicare bamwe bareba abandi, abandi bareba bandi ariko bategeranye ku buryo umwanzi aba abareba. Mujye muvugana gato, muganire akantu gato nimurangiza mwigireyo, mwigireyo, mwigireyo. Umuntu asuhuze nk'undi amubwire mwaramutse? Bite? Amakuru ki? "Uratona"? Komera. Hanyuma yigireyo, mwigireyo mwe gukomeza kwirunda. Abanywa namwe niba munywa akayoga mubanze murebe niba aho muri..., muri muni y'umugunguzi cyangwa muni y'ikindi kintu gishobora kubarengera kuko mubona yuko biriya bisasu noneho..., bazanye ibindi biturika noneho cyane, biturika cyane bigatumura umwotsi ariko rero byose byose icyo bigamije nta kindi ni ugukanga kuko birumvikana yuko bariya bantu baturitsa biriya bintu badashobora kutwica ngo batumare ni ukugira ngo gusa dukomeze twi... twikange ariko rero nta kintu bimaze ariya ni amayeri MUSEVENI yakoresheje

i Bugande, nta bwo rero ashobora kwibwira ko yayakoresha ino ngo amuhire.

Mukomere rero ku birindiro byanyu, mucure imyobo mwigiremo hanyuma mureke ziriya mbwa zikomeze zite ibitabapfu zita biriya bisasu ahantu hose.

Mukomeje kumva RTL, Radiyo yanyu yigenga ivugira hano i Kigali. Nkomeje rero n'ubutumwa bwanyu. Hari NAHIMANA Michel wo muri *Collège Baptiste* Gacuba ya kabiri ku Gisenyi, aravuga ati "mbandikiye mbandi...ba... ku banyamakuru RTL, mbandikiye mbashimira ubutwari ubutwari n'umurava mwagize muku...muku... mu kurwana iyi ntambara twatejwe n'umwanzi Inkotanyi. Mukomeze umugambi rero kuko atarava ku izima hano kari... turi kari... turi natwe turabashyigikiye ku buryo nubwo twiga nta mwanzi watumeneramo ngo tutamuhashya.

Radiyo yanyu rero hano ku Gisenyi turayumva ni yo mpamvu tugira ngo mudusuhurize aba bakurikira mubumvusha indirimbo hein, imwe mu za BIKINDI. Ati "abo ni aba:

- Ababyeyi bajye batuye muri Commune ya Mutura ku Gisenyi biteguye guhashya umwanzi.
- Abanyeshuri biga muri Collège Baptiste Gacuba ya kabiri.
- Abasirikare bose baba bari ku rugamba.
- NIYONAMBAZA Veronika na NDAGIJIMANA Braste baba hano ku Gisenyi.

Ati "mbashimiye rero inama nziza muduha ndetse n'izo muzagumya kutugezaho mudutungira agatoki aho ibyitso byihishe n'umwanzi". Ati "yari NAHIMANA Michel".

ORATEUR: Non identifié:

... tugisubize mu mahoro n'umutekano nk'uko byahoze ku gihe cya Muvoma. Murakoze.

ORATEUR: GAHIGI Gaspard, journaliste de Radio Rwanda:

Kuri bariyeri ya Nyabugogo rero na... (bruit extérieur) umusore... BUKENE ngaho vuga uko muhagaze hano, uko muhanganye n'Inyenzi zituruka hariya mu Gasyata.

ORATEUR: BUKENE:

Twebwe rwose Inyenzi za hariya mu Gasyata turazikubita cyane n'ubu duherutse kuza



kuzikubitira i Jali turazikubita “ziriropiya” gatoya. Ubu dushaka na none kuzajya kuzikubita noneho tukazimena umutwe, nta kindi kintu dushaka. Njyewe naturutse i Byumba zirabizi, Inyenzi... Inyenzi nyinshi za... zatwiciye abantu, mukuru wanjye zaramwishe, *bon*, umuryango wose zira... zirawica zirawumara none i Kigali naho zarahansanze. Cyokora tuzihanganira na zo, nta nubwo zizongera rwose no ku... no kugira ikindi zivuga. Imbunda turazifite ntibazavuge ngo nta mbunda dufite ababashuka rwose barababeshya nibashaka batahe cyangwa barorere. Hum! Ndi mwene MUNYEMPANZI rwose i Byumba i Rumuli.

ORATEUR: GAHIGI Gaspard:

Yee... uti navuye i Rumuli none Inyenzi zinsanze i Kigali uti sinzahava. Ubu uri mu bantu biyemeje rero kurwana muri uyu muji ukitwa umuntu washinze ibirindiro. Abandi ni ko babibona cyangwa wabwira iki abantu bahunga mu... mu... wabwira iki abantu bahunze mwebwe mwiyemeje kuguma hano mu muji no kuwurwanaho?

ORATEUR: BUKENE de Byumba:

*Bon*, nabwira abantu bahunze b’abasore ko bagomba kugaruka ko Inyenzi rwose nta ngufu zifite. Ejo bundi zasize hein, agatwe hariya i Nyamirambo zirabizi na zo za... za... zabibwira n’abandi. Ikindi na none navuga, abantu bahunga bagombye kumenya ko iyo bahunze baba batanze icyuho. Bagombye kuba hafi aho ngaho bakaba hafi ku buryo Inyenzi yubuye umutwe tugahita tuwumena. Nta bibazo dufite hano i Kigali, hose i Kigali turagenda. Uwavuga ko i Kigali tutagenda yaba abeshye rwose. U... wareba nawe imodoka ziragenda hose. Hum! Ahubwo nababwira ko hano hari abasore bari hirya hirya bagiye bahunga bagomba guhita bagaruka i Kigali tugahangana n’umwanzi nitwe u Rwanda rutezeho byinshi, kandi ntidushobora guhunga. Uzajya he? Uzahunga uri umusore nugeza i Gitarama uka... zikahagukura, uzajya i Kibuye zikunage mu ruzi. Ibyiza rero ni uguhangana i Kigali kandi n’aho turazifite kuri kabiri, turazifite ku ruzi ntabwo zishobora kwambuka ngo zigire aho zijya. Ni ubu ni ugusubira iwabo mu ndiri yabo kwa MUSEVENI nta handi. Murakoze.

ORATEUR: GAHIGI Gaspard:

Ku Muhima kuri bariyeri yo kuri Yamaha na bo bati “turashikamye”. Ngaho tubwire uko

muhagaze hano.

ORATEUR: NYAMASWA Jean-Marie Vianney, Muhima:

- Yee njyewe nitwa NYAMASWA Jean-Marie Vianney... nitwa NYAMASWA Jean-Marie Vianney, nkaba ndi *Chef* w'ironde hano kuri iyi bariyeri yo kuri Yamaha mu basevile. Uko mbibona twebwe hano ku Muhima duhagaze neza nta kibazo dufite kuko duhanganye n'Inyenzi ku buryo n'umugore n'umwana n'umukecuru wa hano muri ino *quartier* na we ari ku rugamba. Ikibazo gusa twebwe dufite gakeya ni uko harimo abantu bamwe b'abasore bifuzza imbunda bakaba batazifite, ariko icyo kibazo Konseye yatubwiye ko aza... "azatwaranja" ee... ubwo ntiziraboneka wenda ariko niziboneka tuzazibona.

- Ariko abantu bakunze kuvuga ko... kururwanaho atari ugukoresha imbunda gusa, hari imiheto, hari amacumu, hari "amagrenade, mwese ntabwo mwabona imbunda. Ndabona ugahaze neza. Igitero ejobundi cyabaye hariya hepfo ku Kacyiru twumvise ko mwagi...mwage... ba... Interahamwe zagiye ari nyinshi, urubwiruko mwagiyeyo muri benshi. Waba waragiyeyo cyangwa ntabwo nagiyeyo?

- Yee... ntabwo twagiyeyo ariko twoherejeyo izindi Nterahamwe zacu ziragenda zirakora. Bagiyeyo ari nijoro barakora ku buryo rwose ngo nta Nterahamwe... nta Nyenzi yashoboye gusubira ku Gisozi, inyinshi zahasize agatwe hariya ku Kinamba, zari zambutse ku Kacyiru. Yee...

- Ii... hanyuma se hano hari Inyenzi ijya ihyagera?

- Aha ngaha nta Nyenzi ijya ihagera ntayatintuka kuhagera keretse gusa utwo tujya tubona hariya ku Gisozi ..tukura nk'ibijumba wenda tugatunga agatoke rimwe na rimwe bakaturasa ubundi tukatureka bugasubirayo bukajya kwihisha, kuko buba buri kububa. Baza gukura ibijumba hariya hakurya bari kububa ubwo iyo tubabonye tubatunga agatoke bakarasa, ubwo iyo yumvise isasu ihita irigita bakayitunganya. (Musique)

ORATEUR: NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM:

Nk'uko nyine Umututsi bivuga Umuhima. Iyo mvuga Abatusi aha ngaha njya ngira ngo ngo nje nkomeza nsegure. Nkunze kwi...banda kuri kariya gatsiko k'Abatutsi bagiye muri Uganda bakomoka ku mpunzi zahunze *révolution* yo muri mirongo itanu n'icyenda. Iyo mvuga amatariki rero akomeye y'impunzi zagiye muri mirongo itanu n'icyenda nyahera ahanini igihe zagendeye zihunze *révolution*. Zimaze guhunga *révolution* zaragiye ziratura ariko inyinshi zitura muri Uganda. Mu Burundi na ho zari zihari ariko ndumva nk'uko amateka atubwira inyinshi zatuye m... zatuye muri Uganda ndetse n'iziduteza aka kaga dufite zikaba zifite ishingiro muri Uganda nk'uko bahoze babibabwira mu kanya zaragiye mu ngabo za Uganda za MUSEVENI ziriho ubu ngubu zita... i zitwa NRA, *National Resistance Army*.

Amateka rero y'izo mpunzi tuyahera mu mwaka wa mirongo itandatu na gatandatu aho habaye *coup d'Etat* yakuyeho Umwami KABAKA MUTESA ikimika Milton OBOTE afatanyije na IDDI AMIN icyo gihe wari Jenerali Major kandi ari we Mukuru w'ingabo za Uganda. Barafatanyije rero bakora *coup d'Etat*, bamaze gukora *coup d'Etat* ni bwo babonye ko ka gatsiko k'Abatutsi kagiye kinjira, ibintu mu gifaransa twakwita "*entrisme*", kinjira mu mirimo yose, kinjira mu myanya yose noneho gatangira gufotoka, kwigira kagarara. Kandi rero ee... bariya bantu..., twabivuze incuro nyinshi na none bakunze rwose kuruhanya, bakunze kwirata. Ni uko.

Ubwo rero OBOTE amaze kugabana muri mirongo itandatu na gatandatu yagize ati "abanyamahanga bakwiye yego imyanya mu gihugu cyacu ariko nta washobora gasumburutsa kabo". Mu mwaka wa mirongo itandatu n'icyenda rero ni bwo yatoranyije plan yo gushaka kubagabanya aho bari bamaze gutondagira mu myanya yose. Ntibyatanzwe rero mu mwaka wa mirongo irindwi na rimwe OBOTE bamukuraho akurwaho na *coup d'Etat* yo ku itariki ngira ngo ya makumyabiri na rimwe y'ukwezi kwa mbere k'uwo mwaka wa mirongo irindwi na rimwe akuweho na AMIN. Ka gatsiko k'Abatutsi rero kaba kagize Imana kabonye ingoma nshya karapfukama kararira karirira AMIN wari uguyeho kati "kabishwe ukuyeho OBOTE na we yari atugerereye".

Ubwo rero karashotse kinjira mu ngabo, mu ngabo za Uganda icyo gihe bitaga "*Uganda army*",

abajyaga babona imodoka zaho basangaga handitseho icyapa cya U na A, Uganda army. Binjira..., twabivuze incuro nyinshi, mu biro by'iperereza rya AMIN ibyo bitaga "state research bureau". Byari ibiro bikomeye cyane ndetse bamwe twagiye tubibabwira kuri iyi Radiyo bagiye... twagiye tubababwira, nk'uwitwa KAMBEYA alias NDUNGUTSE wakomakaga.. iriya za Gahini, agomba kuba ari we wari ushinzwe Conseil de guerre, ibyo epfo iriya bita "military tribunal". Harimo abitwa ba SIMBA bakomoka hariya e... muri Komine ya KAYENZI bari bashinzwe iperereza mu Ntara ya Mbarara yose. Harimo benshi benshi binjiye muri ibyo biro by'iperereza bya state research bureau binjira mu ngabo batangira kwicisha Abanyayuganda batavugaga rumwe n'ingoma ya AMIN.

Nyuma rero murumva ko muri uriya mwaka wa mirongo irindwi n'icyenda ari bwo habaye intambara y'ihururu yaje gukuraho AMIN. AMIN avuyeho rero bariya bantu na bo bagize ibyago bikomeye kuko bari abambari be kariya gatsiko k'Abatutsi, bagize ibyago bikomeye baratatana. Gusa muri kwa gutatana kwabo bakoresha amayeri babona uko binjira mu mutwe w'ingabo zari ziyobowe na MUSEVENI w'Umuhima mwene wabo, ni bwo ubwo ngubwo binjiye rero mu ishyamba bararwana basubira kurwana.

Twarabivuze mu kiganiro nagiranye na GAHIGI *Rédacteur en chef*, yuko mu mwaka wa mirongo inani... n'umwe ku itariki ya mbere y'ukwezi kwa Gicurasi, hari hafi y'iki gihe, ee... AMIN nako OBOTE yasomye *discours* Soroti akagira ati "aka gatsiko k'Abatutsi b'i Rwanda karaturambiye", ndetse akagereranya n'imvunja. Kukagereranya n'imvunja rero ngira ngo twese mu Banyarwanda nta wutararwara imvunja, cyane cyane iyo ari umugera ngo yumve ukuntu imurwa agashima agashima ni bwo rero na OBOTE ubwe yabitaga "jiggers", jiggers bivuga imvunja.

Natwe rero aho tugeze uyu muni dushatse kariya gatsiko k'Abatutsi twakita imvunja kuko murumva nk'uko twahoze tuvivuga, nk'uko mu makuru *Rédacteur en chef* GAHIGI yabasobanuriraga, yabasesenguriraga muri iki gitondo kameze nk'imvunja. Imvunja rero iyo uri mu kiguri cy'imbaragasa wicara uhandura. Ngira ngo umuti w'imvunja ni ukwica imbarasa. Nta kundi byagenda rero tugomba kurwana tukarwana intambara y'inkubirane kugira ngo twikize

imvunja, twikize imbaragasa, aba bantu barapfa. Mu by'ukuri muri buriya buryo bwa kinyeshyamba ntabwo bamenyana, ntibareka bumva radiyo nk'abasirikare bacu ahubwo iyo bapfuye bagashirira ku icumu nk'abaherutse kugwa iriya za Ntongwe, abasigaye babavangavanga n'abandi. Kubera rero ko bataba baziranye niyo bapfuye nta wuririra undi, mu by'ukuri umuntu yabita nk'abadahambana.

Tugarutse rero kuri MUSEVENI gatoya, ee... twari twamuvuze muri iki gitondo ariko ubu tuza kumushyira mu majwi kurushaho kugira ngo mumumenye neza. MUSEVENI mu matora yo muri mirongo inani we Abanyayuganda baravuze bati "nta bwo dushobora kumwemera nk'umukandida kuko ari umunyamahanga, kuko ari Umunyarwanda. icyo gihe byarashakuye bimaze gusakuza cyokora aza kugaragaza yuko mu by'ukuri ngo yaba atari Umunyarwanda ee... ko yavukiye ahantu bita Ntungamo. Ku bantu bazi muri Uganda rero nashushe n'ushushanya ikarita yaho, Ntungamo, akarere ka Ntungamo kari mu gace ka Uganda k'amajyepfo aho bita Mpororo. Ntungamo rero iri muri Mpororo. Mpororo ikaba ituwe n'Abanyarwanda, abo bita Abahororo. Ni bamwe muri bo benshi, ni bamwe muri bo benshi OBOTE yirukanye muri mirongo inani na ba... na kabiri bagera ino aha ngaha tugasobanura mu by'ukuri ko buri wese uvuga ikinyarwanda aba atari Umunyarwanda byanze bikunze.

Ni uko rero MUSEVENI ni Umuhima ukomoka muri Mpororo ushobora no kuba ari Umunyarwanda noneho rero. Nagira ngo mbabwire ko Abahima, ubwoko bw'Abahima, basangiye n'Abatutsi abo dukunze kwita les Nilo-hamitiques ari a... ubwoko buke cyane, ari abantu bake cyane ndetse ugereranyije muri za proportions z'amoko bajya kumera nka ro.. ee... nka bwa bwoko bwa gatatu bw'ino aha bw'Abatwa. Ni abantu bake cyane, *donc* bari mu mashyamba cyangwa mu nzuri naho uvuye za Rwentobo mu nzuri z'imikenke, ugahita mu mashyamba ya za Nyabushozi nyir'izina iwabo wa ba MUSEVENI, ugahita mu mashyamba y'uburengerazuba uzamuka ku mupaka wa Zaire ukagenda ugakomya ku mugezi wa Nil. Umugezi wa Nil ni wo ugabanya noneho ayo mashyamba y'iburasirazuba bwa Uganda agiye abonekamo Abahima b'aborozi. Ubwo rero abo Bahima ari bo Batutsi b'aho na MUSEVENI ashobora kuba akomokamo bakaba abari aho barashyikiranye n'aba... na ka gatsiko k'Abatutsi baba umwe bakoresha amayeri kandi bagomba kuba bayahuje.

Andi rero moko atuye muri Uganda ubu mu by'ukuri ahanganye na MUSEVENI ntabwo tugomba kubyibeshyaho, ahanganye na MUSEVENI. GAHIGI yahoze avuga ati "udakubuye mu nzu y'u... y'iwe aba areba mu nzu z'abandi areba iki? Ese MUSEVENI ko ngo ababajwe n'ibya *politique* byacu, akababazwa n'iby'ubukungu byacu iwe hameze hate? GAHIGI yahoze abibabwira.

Ubwo rero mu majyaruguru y'igihugu ahajya ku mupaka wa Sudani ariko ku ruhembe rurebana na... na Zaire muri district ya Arua hari ubwoko ubwo bita Abalugwala, bakaba ubwoko ubwo bita Abakakwa, Abakakwa ari bo bakomokamo IDDI AMIN. Murumva ko ubwo bwoko butuye muri ako gace buhanganye na MUSEVENI. Umanutse gato na none mu majyaruguru ariko witse gatoya aho bita za Gulu, na Kitgum n'ahandi hari ubwoko bw'Abacoli ari na bwo bukomokamo ba Jenerali OYISTE OJOK mu bwoko bw'Abalango ari bwo bukomokamo ba OBOTE, hari ubwoko bw'Abateso bukomokamo Umukoloneli wigeze kuza mu mishyikirano ino aha irya yaberaga i Gabiro witwa OMALA. Abo rero na bo bakaba bahanganye ari ubwoko butatu mu by'ukuri nabu... babushyize mu "igurupe" imwe kuko ni ubwoko bujya ku... bujya gusangira ururimi, bavuga igicoli n'ikilango basa n'abumvikanye n'igiteshi. Ubwo rero ubwo bwoko na bwo bukaba buhanganye na MUSEVENI w'Umuhima.

Ukomeje umanuka noneho ugana iburasirazuba hari ubwoko bw'Abagisu. Hakaba ubwoko bw'Abashoga, begeranye n'ikiyaga cya Vigitoriya. Ubwo bwoko na bwo bukaba ri ubwoko cyane cyane bwa bwoko nahoze... kubabwira ee... bw'Abalugwala n'Abakakwa, n'ubwoko ubwo bita "Abanubiens". Bwa bwoko bw'Abacoli n'Abalango, Abateso n'ubwoko ubwo bita "Abanilotike" batandukanye n'"Abaniloametike". Donc Abaniloametike n'Abahima kimwe n'Abatutsi bakomoka Abisiniya. Ariko muri buriya bwoko mbabwiye bwo mu burasirazuba bw'Abashoga n'Abagisu ni ubwoko bw' "Abantu" nka twe nk'Abahutu, wamanuka rero ugeze mu gihugu hagati ugahura n'ubwoko bw'Abagande. Twabonye ubwoko bw'Abagande Hasili butuye Kampala mu karere ee... ka gakondo ka Cyagwe, Cyadondo, Kabutambala, Kabudu, ubwoko bugizwe n'abaturage baruta ubwinshi kurusha mu Banyayuganda bose miliyoni eshanu bakaba na bo bahanganye na MUSEVENI.

Iyo ugarutse rero iburasirazuba..., nagira ngo mbabwire ko na buriya bwoko bw'Abagande ari *Bantu*, iyo ugarutse mu burasira... mu burengerazuba ugana ku mupaka wa Zaïre hari ubwoko buke bw'abantu bita Abakonjo, hari Abakonjo bajya kwegerana n'Abatwa ariko na bo batigeze bemera MUSEVENI n'incuro n'imwe. Hakaba rero ubwoko bw'Abanyoro n'ubwoko bw'Abatoro na bwo bw' "Abantu" bo mu gika cy'Abahutu nkatwe na bo batigeze bumvikana na MUSEVENI n'incuro n'imwe.

Iyo umanutse rero hano mu majyepfo ku mupaka wacu, hari Abanyankore mu by'ukuri hakaba na ba Banyarwanda nababwiye b'Abahororo, hakaba n'Abakiga. Abakiga ni bariya ba za Kabale uzamuka ukagera Rwentobo, Abanyankore na bo bagahera aho bazamuka iya za Mbarara na none bakazagabanywa n'Ubugande. Hakaba n'abandi Banyarwanda bakeya b'Abahutu bari muri kariya gake ka Kigezi.

